N°30 NYAKANGA 2006

E-mail: fondationgong@yahoo.fr **Home page:** www.rud-urunana.org
Comité de Rédaction/Inama y'Ubwanditsi :
Editeur Responsable……: *Fondation le Gong de la Conscience*
Directeur de Publication : *Christite Muhereza*
Rédacteur en chef…… : *François Xavier Ntezirizaza*
Secrétaire de Rédaction : *Pierrette Niwemugeni*

IBIRIMO……..... **urupapuro rwa :**

1. IRIBURIRO :
- Nibasangire n'abandi cyangwa bahirikwe.....2
2. IMIGABO N'IMIGAMBI BYA RUD-URUNANA :
- « Itangazamakuru nirirwanye ubukene, ubujiji n'igitugu »: **RUD-Urunana**.....3
3. AMAKURU YA POLITIKI:
- Tuvuge rumwe ku bibazo byugarije u Rwanda muri iki gihe 4
4. AMAKURU ANYURANYE :
- Urugo rwa Paul Kagame rutobye Ishuli rikuru KIST.....5
6. URUBUGA RW'ABASOMYI:
- Abashinja Kagame bakomeje kwiyongera.....7
- Kontaro y'Abategetsi na Perezida Paul Kagame igeze abaturage kubuce.....7

IRIBURIRO

Nibasangire n'abandi cyangwa bahirikwe

-Ubwanditsi-

Benshi mu Banyarwanda bazi imvano y'akaga kabaye mu gihugu cyabo bafashe icyemezo cyo guharanira ko kirangwa na demokarasi, gusubiza abaturage agaciro no guca ikandamizwa kuri rubanda rugufi. Ibi ariko basanga byashoboka ari uko hashyizwe imbere guhirika no guca burundu ingoma y'igitugu mu Rwanda. Abatarafata icyemezo nabo, bategerejwe gusobanukirwa n'amahame remezo agenga imibanire y'abantu ashingiye ku muco wo gusaranganya ibisangiwe n'abaturage. Mu mateka ya vuba muri politiki y'u Rwanda, umutwe wa FPR-Inkotanyi wadukanye inda nini mu buyobozi bw'igihugu, politiki yo kwiharira, intekerezo mbi yo kwigizayo abandi, umuco ugayitse w'umururumba byose biganisha ku igundira ry'ubutegetsi n'ibyiza bitatse igihugu.

Gusobanukirwa n'uburyo FPR yafashe igihugu n'abaturage ho umunyago, nibyo bigomba kubera buri wese imbarutso yo "***gushyigikira ibikorwa by'Urunana mu Rwanda no mu mahanga.***" Aha ni ukuvuga bariya bambari biyemeje kugenda inzira ndende igana ku bumwe na demokarasi
isesuye mu Rwanda.
Turasanga Abayarwanda ubwacu nitumara kumva neza ko politiki ya RUD-Urunana ifite uburemere buhagije mu gusimbura iya gapfe gapfe ikorwa na FPR-Inkotanyi, nta kabuza amahanga azadushyigikira.
Nta mpamvu nimwe izabuza amahanga gushyigikira abaturage bashaka kwibohora ingoyi y'igitugu n'iterabwoba.

Umuyarwanda ati: ***"Kuvuga ni ugutaruka!*** Ubundi ngo ***''akabaye icwende....."***
Umuco mwiza wo gusangira ubutegetsi wari utegerejwe iwacu nyuma y'Amasezerano y'amahoro yiswe ay'Arusha.

Twibuke ko ariya masezerano yo kuwa 4 Kanama 1993 yari yashyizweho umukono na Guverinoma yariho n'umutwe wa FPR-Inkotanyi mu rwego rwo guhagarika intambara ku ruhande rumwe, no guha umwanya ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi burimo inyeshyamba zari zimaze imyaka ine zica abaturage ba Byumba na Ruhengeri.

Nubwo nta birori bihambaye byashishikaje rubanda, ariya mesezerano niyo yatangaga ikizere cy'amahoro n'ubwiyunge hagati y'Abanyarwanda. Benshi bemeraga ko intsinzi nyayo ari iy'abaturage nyuma yo kubona impande zombi zigomwa zikanga gutsimbarara ku ntambara yicaga
inzirakarengane.

Ariko ngo ***"kamere ntikurwa na reka ; " abicanyi baranze batwika igihugu na n'ubu kikigurumana."*** Amasezerano y'Arusha yateganyaga ishyirwaho ry'inzibacyuho yaguye (irimo na FPR) mu gihe yo yari ifite umugambi wo kuyaburizamo, kubera ubutagondwa bw'abayobozi bayo bashakaga kwikubira ubutegetsi bwose mu nzego nshya z'ubuyobozi bw'igihugu.
Nibyo koko icyo FPR yapfuye n'abayobozi b'ayandi mashyaka, ni uko wasangaga ishaka kuyasesekamo abayoboke bayo (ba FPR) ndetse ngo bajye mu myanya yagenewe ayo mashyaka yandi!

Ukwivanga kwa FPR mu mikorere
n'imiyoborere by'indi mitwe ya politiki, nta kindi byari bigamije uretse guhatanira ijambo mu nzego zagombaga gufatirwamo ibyemezo bya politiki. Ubu buriganya bwaje kubyara ibara mu Rwanda, nibwo busobanura isubikwa ryagiye ryisubira mu gushyiraho inzego z'inzibacyuho hagati ya Mutarama na Mata 1994. Ibyo byose byitirirwaga MRND kubera kutabimenya cyangwa kumva ay'Inkotanyi.

Muri ibi bihe by'amahindura ya politiki mu Rwanda rero, bikwiye kurushaho kumvikana ko inyota y'ubutegetsi ya Bwana Paul Kagame n'ibyegera bye, ariyo yatumye amasezerano y'Arusha ntacyo ageza ku Banyarwanda. Abayobozi ba FPR baharanira inyungu za politiki y'inda, imiryango n'ubwoko bakomokamo; basinye ariya masezerano batemera Ingingo yayo ya 55 irebana n'igabana ry'ubutegetsi.

Aho gutega amatwi FPR yica urubozo abenegihugu, ***nimuze dufatane urunana twime amayira politiki yayo y'amacakubiri, dutsimbure abayobozi bayo b'intagondwa.***

IMIGABO N'IMIGAMBI BY'URUNANA

"Itangazamakuru nirirwanye ubukene, ubujiji n'igitugu ": RUD-Urunana

-Christite Muhereza-

Mu Rwanda, abanyamakuru bambuwe uburenganzira bw'ibanze bwo kwisanzura batara banatangaza amakuru y'ibibera mu gihugu. Ihohoterwa Leta y'u Rwanda ikorera itangazamakuru cyane mpuzamahanga n'iryigenga, rituma abaturage badatabarizwa mu bibazo bibugarije.

RUD-Urunana irahamagarira buri wese kwanga no kurwanya politiki mbi ya FPR yo gufungirana abaturage mu mutamenwa w'ubukene, mu gihe abanyagitugu bongera imitungo bakira bya mirenge.
Umukuru w'igihugu wima abanyamakuru bo mu Rwanda ubwisanzure, niwe utuma ikibazo cya ruswa yokamye ibikomangoma byo mu Nkotanyi kitajya hanze, ngo ubutabera bukore akazi kabwo.

Tuzakomeza guharanira ko itangazamakuru rya Leta, iryigenga na mpuzamahanga rigira ubwisanzure kugira ngo ryamagane ruswa n'abaryi bayo mu Rwanda. Ntabwo umuco mubi wa bituga FPR yimakaje mu nzego z'ubuyobozi bw'igihugu uzakomeza kurenzwa amaso, kandi ariwo soko y'akarengane kahawe intebe mu gihugu.

Mu Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi, duhangayikishwa no kubona umunyamakuru ***Yohani Bosiko Gasasira*** yijundikwa kubera ko aharanira kugeza amakuru ku baturage bayamutezeho.
Mu nimero ya 10 y'ikinyamakuru UMUVUGIZI abereye umuyobozi, Gasasira yatangaje ko benshi mu bayobozi ba Leta iriho mu Rwanda ari inkoramaraso.
Ibyo avuga ni ukuri kwemezwa na benshi baharanira ko kujya ahagaragara.
Niyo mpamvu hari igikorwa cyatangiye cyo kumenesha izo nkoramaraso ku ntebe y'ubuyobozi; zigasimburwa n'abifuza amahoro kandi batakoze mu nkaba.
Abategetsi b'i Kigali rero nibumve ko uburenganzira bwo gutara no gutangaza amakuru bwuzuzanya n'ubwa rubanda bwo gukurikira no kugezwaho inkuru ku bibera mu gihugu no hanze.

Muri ibi bihe, Perezida Kagame n'abakozi be bazinze umunya barwanya itangazamakuru, RUD-Urunana irahamagarira ibinyamakuru gushyira hamwe maze bikarwana intambara yo gushyira ukuri ahagaragara biharanira inyungu za rubanda rugufi.
Ni ngombwa rwose ko abanyamakuru batabariza abatotezwa na Gacaca hirya no hino mu gihugu. Na none kandi, hakenewe amajwi menshi yo kwamagana ubutegetsi bugamije gukaza urwango hagati y'amoko kubera inyungu zabwo muri politiki ya gatanyamiryango.

Banyamakuru muramenye!
Ubutegetsi bufite ingamba zo kubateranya nkana n'abaturage. Mu gihe Abanyarwanda babatezeho kubavuganira, hari bamwe usanga baremeye ikiraka cyo kwikoma mu nyandiko abaharanira ukuri, ubumwe na demokarasi mu Rwanda.
Nyamara ariko, inararibonye ntizahwemye kwamagana itangazamakuru rirwanya ugushaka kw'abaturage cyane nk'igikorwa rusange cyo kwibohora ingoma y'igitugu.

Igihe FPR-Inkotanyi yashozaga intambara mu Rwanda rw'amahoro kuwa 1 Ukwakira 1990, ibinyamakuru byo ku isi yose byasamiye hejuru iyo nkuru.
Ba Pasteur Bizimungu na Yakobo Bihozagara bavugiye ku ma Radiyo mpuzamahanga basobanura ibyo barwaniraga. Igitangaje rero, ni uko abandi Banyarwanda nabo bafite ibyo babona bikwiye guhinduka mu gihugu cyabo, barikocora Kagame agahigima ndetse akabagambanira ku macuti ye.
Ntabwo bizakomeza kugenda uko abyifuza kuko ubwatsi bushya bugaha ubundi!

Turasanga Perezida Kagame na Leta ye bakwiye kumva ko n'abandi bafite uburenganzira bwo kugena umurongo ngenderwaho muri politiki y'igihugu cyabo yabishaka atabishaka.
Birakwiye ko Lawurenti Nkusi asigaho gutuka abantu bitanga ngo rubanda ruhumuke.
Kurwanya ***Ijwi ry'Umucunguzi, Inzira Ndende, Umuvugizi, Umuseso*** n'ibindi binyamakuru ni ukuniga abaharanira ubwisanzure mu Rwanda.
Bene iyi politiki ihangana n'abaturage, imara umunsi ntimara iminsi.

AMAKURU YA POLITIKI

Tuvuge rumwe ku bibazo byugarije u Rwanda muri iki gihe

-François Xavier Ntezirizaza-

Kimwe n'ibindi bihugu bimwe na bimwe, u Rwanda, mu mateka yarwo ya kera n'aya hafi, rwagize ibibazo binyuranye muri politiki, ubukungu n'imibereho y'abaturage.
Mu bibazo bikomeye byahozeho mbere y'ubwigenge, hari nk'akarengane kahoze gakorerwa rubanda rugufi mu byo bitaga ubuhake n'uburetwa.

Ibibazo byugarije u Rwanda muri rusange bisigaye byumvikanwaho na benshi uretse abari ku ngoma. Abayobozi bo muri iki gihe bigabije amateka y'Abanyarwanda ngo bayahindure mu buryo bubafasha muri politiki y'ikinyoma.
Nkuko hari abahagurutse bagaharanira ko ako karengane gacika mu Rwanda, ni ngombwa ko no muri iki gihe dutera inkunga igaragara abafashe iya mbere mu kwamagana igitugu n'ikandamizwa biri mo gukorerwa abanyarwanda barimo abahutu, abatutsi n'abatwa bafite ibitekerezo byo guha u Rwanda isura nziza n'inzego z'ubuyobozi zishingiye kuri demokarasi. Iyi ni intero ikaba n'inyikirizo mu icengezamatwara *ry'Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi (RUD-Urunana).*

Nibyo koko mu Rwanda hari ibibazo byugarije ubuzima rusange kuri bose uretse ba nyirabayazana babyo abenshi bakaba bari mu buyobozi bw'Icyama.
Mu Rwanda rwa Kagame, uburenganzira ku butaka umuntu yigabaniye cyangwa yarazwe n'ababyeyi, ni inkuru itakivugwa. Iyi ngeso yo kunyaga abaturage FPR yagaruye mu Rwanda, ibangamiye imibanire n'ubwiyunge hagati y'Abaturarwanda.
Hari nk'umugabo ukomoka mu yahoze ari Komini Rukira i Kibungo watahutse muri 96, asanga urugo rwe n'isambu byaragabiwe impunzi ya kera yaje iva mu Nkole.
Agize ngo ace inyamunyo mu rutoki yitereye, undi ati: « ***sigaho shahu izo nyamunyo zanjye ni izo naterekeye abana banjye biga i Kigali bazarya baje kuruhuka!!*** »
Nk'uriya mugabo washobewe akongera agahunga ngo atavaho azira insina yitereye, azumvikana ate n'uriya muntu wavuye i Bugande FPR ikamutekesha iby'abandi?

Iyo witegereje uburyo akarengane kashinze imizi hano mu Rwanda, uhita ubona ko iki gitugu cya Jenerali Kagame kituzengereje gishingiye ku gutinya ubutabera kubera amahano y'intsemba bwoko yakoze mbere na nyuma y'uko arasa indege yari itwaye ba Perezida Habyarimana na Ntaryamira.

Ariko se ubutabera Kagame atinya bubaho mu Rwanda?
Igihugu cyacu kimaze kumenyekana nk'ikitagira ubutabera. Uburyo Leta ifunga abaturage ni nko guhunika imyaka mu bigega. Mu by'ukuri, ubutabera aribyo kuvuga Inkiko na za Pariki, bikora byerekeza ku cyifuzo cy'Umukuru w'igihugu na Leta ayoboye. Inkiko Gacaca zikorwamo n'abo bita ''Inyangamugayo'' ni ibikoresho bya FPR mu kurenganya no gucecekesha abatavuga rumwe n'ubutegetsi bw'Icyama hirya no hino ku misozi. Uburyo Gacaca zikoramo bunyuranyije n'amategeko
mpuzamahanga agenga inkiko hamwe
n'imiburanishirize y'imanza.

Abitwa ''Inyangamugayo'' zirenga ibihumbi maganabiri (200.000) ni abayoboke ba FPR bashyizweho hakozwe ikinamico y'amatora. Uretse no kutagira ubushake bwo kugeza ubutabera kuri rubanda, izo nyangamugayo nta bumenyi bw'amategeko n'ubucamanza zifite. Benshi muri bo ntibazi gusoma no kwandika, ahubwo usanga ari intyoza zifite ivuzivuzi ry'ibinyoma byo gusarika umuntu wese zikomye cyane cyane umuhutu wifashije, wize cyangwa ushobora kugira igitekerezo cyabatura imbaga irengana mu Rwanda.

Tuzirikane ko ziriya mfungwa zikandwa na FPR abenshi muribo ari ba bahutu bamaze imyaka irenga icumi mu munyururu batagira amadosiye. Ziriya nzirakarengane zafashwe ikivunge mu buryo bunyuranyije n'amategeko n'abantu batabifitiye uburenganzira. Kariya karengane kabaye mu bihe by'umujinya, urwango n'urwikekwe no guhora bunyamanswa ubwo FPR yafataga
ubutegetsi muri 1994.
Niyo mpamvu rero dukwiye kubyumva kimwe ko Inkiko za Gacaca zashyizweho n'ubutegetsi bwa FPR bugamije kurimbura Abanyarwanda bose batavuga rumwe n'Icyama.

Imiterere n'imikorere y'Inkiko za Gacaca usanga ari ingamba zikomeye Leta yashyizeho

kugira ngo ishimangire politiki yo kudahana abanyabyaha bayobotse ubutegetsi buriho. Niko bimeze rwose kuko ziriya nkiko zibujijwe gucira imanza no kugira icyo zivuga ku bategetsi n'abayoboke b'ishyaka rya FPR kimwe n'abasirikare bayo nyamara bagaragayeho ibyaha by'ubwicanyi mu gihe cy'intambara no kwibasira inyoko muntu. Hagati aho, umubare w'abarebwa n'izo ngirwankiko ugenda uzamuka kugira ngo ingoma y'igitugu ya FPR ibone uko icecekesha kandi itere ubwoba abatavuga rumwe nayo bubakangisha kubafunga.

Mu gihe akarengane gakomeje kuba intwaro y'ingoma ya FPR mu kwicaza igitugu mu Rwanda, Umuryango utagengwa na Leta, « ***Fondation le Gong de la Conscience*** » urahamagarira Abanyarwanda bose kumva no gusobanukirwa n'amahame shingiro mpuzamahanga agenga ubwigenge bw'ubucamanza. Ni muri urwo rwego tubagezaho bumwe mu burenganzira ntayegayezwa ko:

- « ***Abaturage bose bareshya imbere y'amategeko.*** » Ni ukuvuga ko umuhutu wakoze amarorerwa kimwe n'umututsi wakoze amarorerwa bose bakwiye guhanwa FPR igasigaho gutetesha abakozi bayo ibaha ubudahangarwa budafite ishingiro. Niyo mpamvu Fondation le Gong de la Conscience iharanira ko abasizwe iheruheru n'ubwicanyi bwabaye mu Rwanda bafashwa kimwe nta kuvangura bakekwaho ibyaha baba abahutu, abatutsi cyangwa abatwa. Turaharanira ko impfubyi zose zirihirwa amashuli n'ibigega Leta inyuzamo imfashanyo itangwa n'amahanga n'abandi bagiraneza.

- « ***Buri muntu afite uburenganzira bwo kwiregura imbere y'Inkiko zisanzwe, zigenga zifite ubushobozi buhagije kandi zidafite aho zibogamiye.*** » Ibi bisobanura ko Gacaca nta kizere ziha Abanyarwanda.
Kuva zishamikiye ku ishyaka rya FPR, zirabogamye. Niyo mpamvu tuzakomeza kuzivuguruza turwanya ibyemezo byazo.

- « ***Buri muntu wese agomba guhabwa uburyo bwose bwo kwiregura yifashishije abazobereye mu by'amategeko n'imanza.*** »
Ngibi ibitaba muri Gacaca za FPR, ariyo mpamvu ubutabera buvugwa mu Rwanda ari nk'umukino w'urusimbi.

- « ***Kirazira gushyiraho Inkiko zikora ku buryo budateganijwe n'amategeko mbere cyangwa zibangamira imikorere n'ububasha bw'Inkiko zisanzwe.*** » Iki ni ikibazo hano mu Rwanda kuko hari abantu baregwa ibibazo bimwe n'abo Gacaca icira imanza baburanishijwe n'Inkiko zisanzwe. Ibi bituma abaregwa kimwe bataburanishirizwa mu nkiko zimwe.

Aho gutega amatwi amatiku n'amacakubiri bya Perezida Kagame na FPR ye, birakwiye ko duharanira ubwiyunge nyakuri ari nako twamagana agasuzuguro, kwirengagiza ukuri ku kaga kabaye mu Rwanda na politiki yo kwijundika inyoko muntu.

AMAKURU ANYURANYE

Urugo rwa Pahulo Kagame rutobye ishuli rikuru KIST

Inkuru ya Antony Irabo
Fondation le Gong de la Conscience
Kicukiro-Umujyi wa Kigali

Uko akazu Perezida Paul Kagame yubatse mu Rwanda kagenda karushaho gushinga imizi, niko ibyegera bye, uhereye ku mufasha we Madamu Jeannette, bigenda birushaho kuvogera inzego izo arizo zose zifatirwamo ibyemezo.

Uku kwivanga k'umuryango w'umukuru w'igihugu n'inkoramutima ze zidafite inshingano zizwi mu buyobozi, bimaze kugaragara ko bivangira ku buryo buteye isoni za minisiteri zinyuranye. Dore nk'ubu muri Ministeri y'uburezi, ishuri rikuru ry'ikoranabuhanga n'icungamutungo KIST ***(Kigali Institute of Science and Technology)*** haravugwa ingufu z'umufasha wa Kagame uhafata ibyemezo mu iyemererwa ry'abanyeshuli, adashingiye ku ngingo ngenderwaho mu kwinjira muli za kaminuza ziri hano mu Rwanda.

Nkuko bisanzwe, mu ntangiriro z'uyu mwaka w'amashuli, Leta yahaye bamwe mu banyeshuli barangije ayisumbuye za buruse (bourses) zo kujya kwiga muli kaminuza.
Uko byagaragaraga, wasangaga bari bakoze iyo bwabaga basaranganya neza uwo mutungo w'igihugu bakurikije amanota abanyeshuri babonye mu kizami cya Leta. Kaminuza y'u

Rwanda rero, yagenewe abayo bahereye kubabonye amanota menshi, Ishuli rikuru ry'uburezi KIE ***(Kigali Institute of Education)*** ibona abayo, KIST ikurikiraho,
ISAE Busogo yigisha iby'ubuhinzi
n'ubworozi nayo biba uko.
Agahomamunwa rero kaje kugaragara muri KIST, aho umufasha wa Perezida wa Repubulika, Jeannette Kagame, yafashe abandi banyeshuli b'abakobwa barenga 200 batari bafite buruse kubera ko batabonye amanota ahagije, abohereza ku ngufu muri KIST.

Uko byagenze, Mukakagame yategetse ko ngo nabo biga nk'abandi bana kandi bakajya bishyurirwa ibyo bakeneye byose, byaba ibibatunga, ibikoresho by'ishuri n'ibindi byangombwa. Abo bana b'abakobwa batoranyijwe hashingiwe ku mpamvu ishyizwe imbere mu buyobozi bw'akazu kubatswe ku musingi w'irondabwoko, ubu bariga muri KIST ku ngufu hamwe n'abandi kuva muri Mutarama. Baracumbikiwe, baragaburirwa, mu gihe hari abatsinze ku buryo bwemewe n'amategeko ubu babuze aho bacumbika.

Ese ubundi umutungo ukoreshwa mu kwita kuri bariya bakobwa ba Jeannette uva he? Nta handi ni mu mutungo wa Leta ariko ku buryo bufifitse n'uburiganya buteye ubwoba. Koko rero, za buruse zari zigenewe abanyeshuri mu mezi amwe n'amwe, barazibima bababwira ngo ntaraboneka, zikanyerezwa zigakoreshwa mu kwita kuri izo ntore z'abakobwa. Nko muri Mutarama na Gashyantare, niko byagenze ndetse no muri Gicurasi. Aho bigeze cyokora noneho, bamaze kwerura babwira abanyeshuli bagombaga kuyahabwa ko ayo mafaranga yabo agomba gukoreshwa mu gushyigikira abo bana bandi nabo bagomba kwiga; ngo ni mu rwego rwo gufashanya! Abanyeshuri rero baremeye baranyukirwa. Nkuko bizwi na benshi muri uru Rwanda rwa Kagame ntawe uruvuguruzamo umwidishyi, ntawe ushobora kugaragaza ibitekerezo bye iyo bidahuye n'ibyo mu kazu ***(inner circle)***, ntawe ushobora kwigaragambya ngo abure kunyuzwa mu rusyo (moulin) FPR-Inkotanyi yashinze mu gihugu.

Ngo utazize inarabyaye, azira inarashatse! Icyemezo cya Madamu Jeannette Kagame kibangamiye cyane uburezi mu Rwanda ku ruhande rumwe, n'imikorere y'inzego z'ubuyobozi n'ubundi zitashingaga ku rundi ruhande. Ntabwo bisanzwe ko umutegarugori yashingira ku gatuza k'uwo bashakanye maze ngo yivange mu nshingano za Minisitiri runaka! Ikibazo cyabaye kirekire kugeza aho Minisitiri mushya ushinzwe uburezi abyamagana ku mugaragaro. Icyo gihe yasabye ko abo bana bataha bakazakora ikizami cya Leta umwaka utaha, batsinda akaba aribwo bahabwa buruse.
Uriya muyobozi bari bamuhitanye bati vuga uvuye aha! Abo bari bo barigaragambije ijwi ryabo rirumvikana, kubera guhagararikirwa n'ingwe! Nyakugendera mu kwaha Romain Murenzi, we yarakenze atinya gukopfora, nyamara ntibyamubujije gusezererwa muri Guverinoma kubera ko ngo iyo yaganiraga n'incuti ze hirya mu ma salo ***(salons)*** kure y'amatwi y'ingoma, atatinyaga kuvuga ko abona uburezi akuriye ntaho buteze kugeza u Rwanda.

Hagati aho, ***Rwakabamba*** wanze gufata ubwenegihugu bw'Ubunyarwanda, niwe wayoboraga KIST nk'aho mu Rwanda nta wundi ushobora guhabwa uwo mwanya ngo awushobore. Uriya mugabo ubu yagabiwe Kaminuza y'i Butare ngo ayibere Regiteri (Recteur). Twibuke ko yaguranye na Chrysologue Inteko iherutse kwamaganira imikorerere. Uwananiwe ubuyobozi bwa Kaminuza niwe wegukanye ubwa KIST ngo nayo ayitobatobe koko?

Ubu bitegerejwe ko Profeseri Chrisologue azongera ibibazo byari bisanzwe muri KIST maze igitugu n'ukwivanga bya Jeannette Kagame bikayobora ririya shuli rikuru. Tubibutse ko Chrysologue uwo yahembwe kuba Recteur wa Kaminuza y'u Rwanda kubera ko yari amaze kubeshya amahanga ko ngo Nyakubahwa Kagame yatowe hafi 100%, ubwo yari Perezida wa Komisiyo y'igihugu y'amatora. Ibyo ntawakwirirwa abitindaho, uko ayo matora yagenze birazwi. Uwaba agishidikanya, yabaza indorerezi zari zavuye mu Burayi zayakurikiranye; atanyurwa akabaza Faustin Twagiramungu bakunze kwita Rukokoma wari uhasize agatwe. Yewe na Pasteur Bizimungu ukomeje kuborera muri gereza, nta kindi azira kitari uko yari atangiye kwisuganya ngo ashinge ishyaka ryahangana na FPR.

Mu Rwanda se abantu bazaceceka kugeza ryari mu gihe babona igihugu cyabo gishorwa imanga iteye ubwoba? U Rwanda

n'Abanyarwanda ni abo gucungura; ndetse ni abo kubohozwa amazi atararenga inkombe!

URUBUGA RW'ABASOMYI

Abashinja Kagame bakomeje kwiyongera

Inkuru ya Kagenza Yohani Damaseni
Umusomyi w'Ijwi i Mwanza/Tanzania

Intambara yabaye iwacu kuva muw' 1990 yatangiye itavugwaho rumwe.
Hari abavugaga ko yari iyo gucyura impunzi nkuko hari abahigira guhirika Leta iriho ubu ngo impunzi ziri hanze zitinyuke gutaha iwabo. Abandi bo wasangaga bayibonamo amayira ahinnye yo kwisubiza ubutegetsi ku bari barabwambuwe na Revolisiyo yo muri 59; mu gihe hari n'aberuraga bati igihugu cy'abaturanyi cyateye u Rwanda!

Ibyo aribyo byose, icyamaze kugaragara ni uko na benshi mu barwanye iriya ntambara ku ruhande rwa FPR, bageze i Kigali basanga baraharaniye ko umujinya n'inzika bya bamwe mu bayobozi babo bivumbukamo ishyano bakoreye u Rwanda.

Tumaze iminsi dusoma ubuhamya ndetse n'izindi nyandiko z'abantu babaye hafi ya Kagame; ariko icyo bose bahurizaho ni uko uriya muyobozi kuva FPR itera u Rwanda na nyuma y'aho ifatiye ubutegetsi ntawahakana ko ari umwicanyi kabuhariwe.

Mu minsi ishize, Yohani Kambanda wabaye Minisitiri w'intebe muri Guverinoma yiswe iy'Abatabazi yongeye gutunga urutoki umwicanyi mukuru, Jenerali Pahulo Kagame. Aho twari turi ubwo Kambanda yatangarizaga urukiko ko uwishe Perezida Habyarimana ariwe wateguye itsembabwoko, benshi mu Banyarwanda, Abarundi, Abakongomani ndetse n'Abatanzaniya bariyamiriye bati: ubugabo butisubiyeho.....

Nibyo koko Bwana Kambanda ufungiye mu gihugu cya Mali yari yaje gushinjura Theoneste Bagosora wikomwe bikomeye na FPR ko ariwe wateguye ibara ryabaye mu Rwanda. Mu gushinjura Bagosora, Kambanda yemeje ko akaga kagwiriye igihugu kateguwe kandi kagashyirwa mu bikorwa n'umuryango wa FPR-Inkotanyi.

Mu gihe twumvaga Bwana Yohani Kambanda ashinjura Bagosora ari nako ashinja Kagame, bamwe mu bakozi ba FPR wasangaga bagaruka ku magambo uwari Minisitiri w'intebe yaba yarigeze kwemerera ubushinjacyaha wa TPIR.

Ibihe u Rwanda rwaciyemo birakomeye, ariko abikoreye umusaraba wo gusubiza igihugu isura nziza nibongere bumve ko igihe cyo gukaza umurego mu gushaka icyarenganura bu muturarwanda wese cyigeze. Kuba nta mahoro bahabwa n'uwabaciye mu gihugu cyabo, ni impamvu ikomeye bakwiye gushingiraho bamaramaza mu kurwanya ingoma y'igitugu.

Iyi nyandiko ni ikondera rihamagara ku itabaro abo bose basa n'abemera ko gutsinda kwa FPR yateye u Rwanda byaba byari bifite ishingiro. Aha niho nemera igitekerezo cya Kambanda kimwe n'abandi bahindura imvugo n'ingiro bigahuzwa n'ibihe by'impinduramatwara igihugu kigezemo.

Hari abandi kandi bari ku itabaro baharanira ukuri, baca umuco mubi wo kudahana, bavuguruza kandi barwanya politiki y'ikinyoma mu Rwanda. Abo bose ni sbo kuzirikana.

Aho ibihe bigeze rero, turasanga
Abanyarwanda bo mu nzego zose dukwire guhaguruka tukivuganira, tukaburana uburenganzira bwacu bwo kwihitiramo uburyo u Rwanda rwayoborwa. Mu gihe twakomeza kwicecekera, umunyagitugu Paul Kagame yazakomeza kuturatira itsinzi yo ku ruhembe rw'umuheto, ***uboshye abandi tutazi kuwufora!!***

Kontaro y'abategetsi na Perezida Paul Kagame igeze abaturage kubuce

Inkuru ya Islam Mbayuwande
Umusomyi w'Ijwi / Mumena, Umujyi wa Kigali

Bavandimwe basomyi b'ijwi ry'Umucunguzi,

Reka mbanze mbirakukirize : muraho neza aho muri hose kw'isi ? Mperutse kunyarukira iwacu ariko ibyo nahabonye byanteye agahinda no kwibaza byinshi cyane. Imihigo abayobozi b'Uturere baherutse gusinyana na Perezida wa Repubulika aho bukera iratuma abaturage bava mu byabo bahunga akarengane, ubutegetsi bw'igitugu n'ikiboko.

Abaturage bo m'Umurenge wa Mushikiri, Akarere ka Kirehe ahahoze ari Akarere ka Rukira, kuri ubu turarira ayo kwarika. Ikiboko, kimwe cya kera abasogokuruza bacu bajyaga batubwira, cyaragarutse, ndetse umenya cyararushijeho ubukana. Koko rero, umuturage arava mu murima we guhinga, yahura na Lokodefansi (Local Defense Force) akamuvuza imigiti ngo dore uko gisa uko, ngo kuki kidakaraba, ngo kuki nta nkweto cyambaye, ngo kuki cyambaye imyenda itameshe. Rwose turashize nihatagira abadutabara ngo batuvuganire. Nawe se, ko imihingire yo mu Rwanda muyizi, mwabonye hehe umunyarwanda uhinga yambaye inkweto. Nawe se koko wamara kumesa imyenda warangiza ukayishokana igishanga ukayihingana? Ikiboko rero kitugeze aharindimuka, ku buryo abaturage benshi batangiye guhunga izo nkoni. Ubutegetsi bwo buhita butanguranwa ngo barahunga gacaca, uretse ko nayo itatworoheye dore ko muri iki gihe cy'iburanisha gacaca isigaye ishingiye ku cyenewabo, munyangire, ruswa, kwihimura no kubeshyera abandi ngo reka nabyo byumve.

Hari umukecuru uherutse kurigusha muri rimwe mu masoko y'aho muri Mushikiri. Yajyanye kw'isoko kugurisha amasaka ye mu gafuka, ashaka agafaranga ko kwigurira agasabune n'akunyu. Noneho kubera ko yari yitwaje akagemeri ko kuyapimisha, Lokodefansi aba yamubonye nk'ejo ati tanga amande y'amafaranga 1000 kubera ko watinyutse kuzana ako kagemeri mw'isoko. Umukecuru ati ese mwana wanjye ikosa nakoze ni irihe. Undi ati nta tugemeri dushaka muri iri soko umuhigo na Perezida wa Repubulika waraduciye. Umukecuru ati ese uwo muhigo mujya kuwuhiga nari mpari cyangwa se mwangishije inama hari icyo mbiziho mwana wa ! Lokodefansi amutikura indembo mu mutwe, umukecuru yitura hasi, lokodefansi wawe afata ka gafuka k'amasaka akagurisha 800 Frw arayatwara arigendera. Byaciriye aho kuko nta muturage wundi washoboraga gutinyuka kugira icyo abwejura keretse uwiyanga.

Imihigo abameya (maires) basinyanye na Perezida wa Repubulika rwose yadushyize mu gihirahiro. Abategetsi barayitwaza bakica bagakiza, ikiboko kikarisha. Lokodefansi we yabikiriyemo, dore ko kubera gukora adahembwa bimuha uburenganzira bwo kwambura ku mugaragaro yitwaje imbunda yahawe na Leta. Rwose ni uburetwa bwagarutse.

Hari kandi ibindi byemezo byinshi bifatwa bibangamiye cyane abaturage hitwajwe iyo ngirwa kontaro. Nk'ubu hano muri Kibungo, nako ngo hasigaye hitwa mu Burasirazuba, nta muturage ufite uburenganzira bwo kuba yagurisha igitoki cyo mu murima we, ngo keretse abinyujije ku mashyirahamwe. Ayo matindi y'amashyirahamwe yashyizweho n'ubutegetsi ku ngufu se, si ayo kwikiriza abayoboke babwo acuza abaturage utwabo. Ibyo agurishije nyirabyo ntanabonamo kimwe cya kabili, kuko andi bayafatira ngo azavamo imishahara andi ngo arabikijwe ku ngufu mubyo bise COOPEC, bibereyeho kunyunyuza imitsi y'abaturage nyuma inyaryenge zikabisahura zigafata iyo ubusamo. Buri muturage rero yategetswe kubitsa muri izo COOPEC nibura amafaranga 6.000 ku mwaka, ni ukuvuga ko buri kwezi agomba gutangamo nibura 500. Yayakura he se mu gihe n'imyaka yejeje batamwemerera kuyigurisha? Ubundi se ko umuntu azigama ari uko yagize icyo aramira, uzaba waburaye, abana bambaye ubusa, ikiboko kiguhora ku mutwe ngo kubera ko nta nkweto ugira, maze ubone ayo ujya kubitsa muri COOPEC? Namwe basomyi ni mumbwire koko.

Rero noneho ngo bafashe icyemezo cy'uko buri muturage azajya ahinga igihingwa kimwe rukumbi mu murima we. Ni ukuvuga ko niba mw'isambu yawe harimo urutoki, kabone n'iyo yaba ari insina imwe, nta kindi kintu wemerewe guhingamo. Twe twajyaga turamirwa n'amahunge, imyumbati se cyangwa amateke bitinda mu butaka kandi bigahangana n'izuba, koko uzafata isambu yawe yose uyihingemo ibigori gusa, nibyera nabyo bagushyirire amananiza mukubigurisha, uzatungwa n'ibyo bigori byonyine nta kajumba, nta gatoki, nta dushyimbo, nta kumbati ngo byose uzabigura kw'isoko? Aha, nzaba mbarirwa ra. Ni ukubitega amaso ariko abo inkwakuzi batangiye kujya gushakisha aho ubutegetsi bushyira imbere koko inyungu za rubanda.

Ibyo byose rero ni ingaruka z'imihigo abameya bagiranye na Perezida wa Repubulika, ntacyo babanje kubaza abaturage, none nibo bahetse uwo mugogoro. Kuri ubu rwose abaturage barihebye kubera iriya ntindi ngo ni gacaca na buriya buretwa bujyanye n'agahato, igitugu n'ikiboko. Turi abo kuramirwa. Mugumye mugire imigisha myisnhi aho muri hose kandi ntimwibagirwe abo mwasize inyuma.

[Ijwi ry'Umucunguzi ni ikinyamakuru cyamamaza amatwara ya politiki yo kubohoza u Rwanda. Ikinyamakuru cy'Abacunguzi kinjiye urugamba mu w'i 2001]